UMWEPISKOPI YAHAYE UMUGISHA SHAPELI YA RUGOTE YO MURI PARUWASI YA MURUNDA

Tariki 14 Mutarama 2018, nibwo Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, yahaye umugisha Shapeli ya Santrali ya Rugote imwe mu masantrali agize Paruwasi ya Murunda. Ubwo yamaraga kwegurira Imana Alitari Ntagatifu, akanahaturira Igitambo cy'Ukaristiya, yahimitse n'Isakramentu Ritagatifu ry'Ukaristiya.

Muri Shapeli imbere Umwepiskopi amaze kwimika Isakramentu ritagatifu

Uyu munsi n’ubwo waranzwe n’ibicu biremereye nyuma ya Misa ntibyabujije abakristu ba Santrali ya Rugote kwereka Umushumba wacu ibyishimo bamufitiye byaranzwe n’imbyino zinyuranye kandi nziza.

Mu Ijambo rye, Nyiricyubahiro Musenyeri, yashimiye abakristu ba Santrali ya Rugote uko bakoze bakiyubakira Shapeli kandi bakaba bakomeje no kwerekana ko bumva ko Kiliziya ari iyabo kandi bagomba kuyitaho bo ubwabo. Yabashimiye ubufatanye bugaragara bafite bita cyane cyane kubafite intege nke bamwe muri bo; kandi barushaho kwiteza imbere mu bukristu no mu iterambere muri rusange. Yakomeje ababwira ati ubu rero ntimukibaza nka wa mwigishwa wabazaga Yezu ati Mwigisha utuye he? Aho atuye mwahabonye; ahasigaye rero ntakabe wenyine kandi yaje guturana namwe ngo ababe hafi mu muture ibyanyu ababere ubuzima namwe mu mubere abahamya n'intumwa kubandi. Yarangije ashimira abari aho bose, n'ibirori bateguye ku buryo bunyuranye arabishima, n'uko asaba abakristu gukomeza kujya mbere mu isuku yo ku mubiri no kuri Roho,dore ko burya ngo Roho nzima itura mu mubiri muzima. Yakomeje abasaba gukomeza kuba abakristu beza dore ko burya umukristu mwiza aba ari n'umunyarwanda mwiza. Yarangije abaha umugisha nabo bamwereka ko bamwishmiye.

Padiri Jean Marie KWIZERA